

Gufata neza urugemwe nyuma yo kubangurira

Nyuma y'ibyumweru bitatu tumaze kubangurira, amababi yambere atangiye gupfundura, isashe twatwikirije ka gashami twinjijemo tuyikuraho; Dukata ibisambo bishibuka ku rugemwe twabanguriyeho; Dukurikije imikurire y'urugemwe twabanguriyeho, duhambura igikomere buhoro buhoro kugeza igihe kimaze gukira neza. Nyuma y'amezi abiri kugera kuri atatu ubanguriye uba ubonye urugemwe rwo gutera.

Igihe cyo gutera avoka

Igihe cyiza cyo gutera avoka ni umuhindo, ni ukuvuga mu mezi ya Nzeli, Ukwakira n'Ugushyingo. Ibi bituma ingemwe zibona amazi ahagije igihe kirekire.

Gutera avoka

Umurima ugomba kuba uteguye neza, uhinze ubwa mbere, ubwa kabiri ndetse n'ubwa gatatu ahari urwiri rwinshi, kugirango wizere ko urwiri, amabuye n'imizi y'ibindi biti wabimazemo neza.

Ucukura imyobo ku ntera ya m4 kuri m4 cyangwa m6 kuri 6 ya cm80 mu mbavu na cm80 z'ubujyakuzimu cyangwa m1 mu mbavu na m1 z'ubujyakuzimu bitewe n'ubwoko bw'ubutaka bwawe (buseseka cyangwa bumatira), ushyiramo ibiro 100 by'ifumbire y'imborera, ugasibanganya icyobo cyawe, Ufata urugemwe rwawe, ugakuraho igihoho, ucukura akobo ka cm30 ugaterakamo rwa rugemwe rwawe warangiza ugasibanganya neza.

Iyo umaze gutera urugemwe rwawe, urarusasira, ukaruvomerera iyo imvura itagwa;

Gufumbira

Ibiti by'imbuto ziribwa bikenera ifumbire cyane cyane ifumbire y'imborera; dushyiraho ibiro 100 ku giti; tugashyiraho amagarama 500 ya NPK ku giti

Gusarura

Umusaruro wa mbere utangira kuboneka nyuma y'imyaka ibiri igiti gitewe, usarura kandi nyuma y'amezi atandatu kugera kuri arindwi nyuma y'ururabyo. Umusaruro ku giti uba utandukantye bitewe n'ubwoko watweye

Indwara

Avoka nta ndwara zikunze kugaragaza, keretse izishobora kugaragarira muri pepiniyeri nko kurabirana, ibyo bikaba biterwa no gukoresha ibibuto byanduye, bigatuma bimerana uburwayi; mu guhumbika tugomba guhitamo neza ibibuto bizima byatunganyijwe neza.



REPUBURIKA Y'U RWANDA



IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)

ISHAMI RY'IMBUTO, IMBOGA N'INDABO (HORTICULTURE)

TUMENYE GUHINGA AVOKA



Aho wabariza:

RAB
IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE
GUTEZA IMBERE UBUHINZI
N'UBWOROZI (RAB)

INTANGIRIRO

Avoka n'imbuto iribwa ikomoka muli America y'Ama-jyepfo (Perou). Ishobora kwera ahantu hose mu Rwanda. Avoka zibanguriye zatangiye kugera mu Rwanda muri 1972. Ubu RAB ifite amoko 34 y'avoka, ariko ashobora kwera ahantu hose ni atatu: Hass, Fuerte na Ettinger.

Avoka ikize kuri poroteyini, potasiyumu, vitamini B6, C, D na E.

Amavuta ya avoka nta kolesiterore afite, akaba arwanya indwara z'umutima na kanseri.

Aho avoka zikunze guhingwa

Avoka ihingwa ahantu hari ubutaka bufite isi ndende, bufata amazi, ubusharire (pH) buri hagati ya 5.5-6.5, ikunda kandi ahantu hafite ubushyuhe buri hagati 16-24 oc, ku butumburuke bugera kuri 2100m.

Guhumbika no kugemura

Ibibuto byateguwe neza bishyirwa mu gitaka ku murongo, imitwe ireba hejuru, umurongo n'undi itandukanwa na cm10, mu murongo ibibuto biba byegeranye; utwikirizaho agataka gake ukarenzaho ibyatsi. Ni ngombwa kuvomerera buri muni igihe imvura itaguye

Gutegura ibihoho

(mu gitondo no ku mugoroba)
Ibihoho bikoresheya biba bifite ibipimo bikurikira: cm20xcm20
Ibyiza ni ugukoresha ibihoho bya cm20xcm20, kuko bifata umwanya muto muri pepiniyeri kandi bikagabanya akazi.
Itaka ryiza rivanze n'ifumbire y'imborera iboze neza, rishyirwa mu masashe, hanyuma ibihoho bigaterekwa muri pepiniyeri ku murongo, umurongo n'undi utandukanywa na cm10 naho igihoho n'ikindi bigatandukanwa na cm10

Kugemeka mu bihoho (répiquage)

Nyuma y'ukwezi n'igice, ibibuto biri mu buhumbikiro biba byameze; urandura ikibuto cyameze, ugakata umuzi kuri cm5 uvuye ku kibuto, ukagishyira mu gihoho. Uravomerera cyane (kabiri ku muni) iyo imvura itaguye

Kubangurira

Kubangurira bikorwa nyuma y'amezi abiri kugera kuri atatu ugemetse mu bihoho, urugemwe ruba rufite cm 20 kugera kuri cm30, rufite umubyimba ugana n'ikaramu

Akamaro ko kubangurira

Imbuto zerera igihe gito
Igitu kibanguriye gitanga umusaruro mwinshi
Uhinga ubwoko uzi neza n'ikiburanga (uko buryoha, aho bwera, igihe bwerera,..)
Igitu kibanguriye gifata umwanya muto mu murima.

Avoka ibanguriye igira amavuta nta mazi igira kandi ibora hashize byibuze iminsi hagati 10-15 ihaye.

Uburyo bwo kubangurira

Uburyo bwo kubangurira avoka bukunze gukoreshwa ni uburyo bwo kubangurira ku mutwe, kuko ni bwo butanga ijanyisha rinini mu gufatisha

Uko bikorwa

Dufata urugemwe tubanguriraho, tukarukata umutwe tuwukata hagati y'ahoroshye n'ahakomeye, tugasatura hagati .

Tubaza impande zombi agashami ushaka kubangurira (agashami ka kijyambere), twinjizamo ka gashami, tugahambira n'agasashe gato kuburyo igikomere cyose gipfukwa, tugapfuka na ka gashami tumaze gushyiramo dukoresheje agasashe.



Urugemwe Rwo kubanguriraho



Agashami ko kubanguriza



Kwinjizamo agashami



Gupfuka agashami



Gupfundura nyuma y'uko agashami kamaze guturika



Urugemwe rubanguriye